ISHENGERERA RY'UKARISTIYA RISABIRA

# IMIHAMAGARO




## Muri urumuri

Image: Rogationist Archive 2026

## 1. INTANGIRIRO

**Umuyobozi :** Muri iri shengerera, dukomeje urujyendo rwacu rwa buri kwezi rutuganisha ku kwizihiza yubile y'imyaka 100 y'ivuka mu Ijuru rya Mutagatifu Hanibale Mariya, tuyobowe n'Ijambo ry'Imana ryo kuri iki cyumweru cya 5 mu byumweru bisanzwe by'Umwaka A.

Jésus aratwigisha yifashishije ibimenyetse bibiri byoroheje ariko by'ingenzi cyane : umunyu n'urumuri. Ibintu bibiri bito cyane, ndetse bigoye kubonesha amaso, ariko byifitemo ubushobozi bwo guhindura icyo bihuye nacyo : umunyu utanga uburyohe, urumuri rukagaragaza ukuri kw'ibintu. N'umuhamagaro w'umukristu ni uko ; ndetse n'ubutumwa bw'umuryango wa Rogate ni uko : ni muto, ntiwigaragaza cyane, ariko urakenewe cyane kugira ngo isi igire uburyohe n'ikizere.

Hari umugani wa cyera w'igiheburेyi uvuga ngo : « umwijima uko waba ungana kose ntushobora kuzimya akamuri gato, ariko akamuri gato gashobora kwirukana umwijima uko waba ungana kose ». Ntiduhamagarirwa kumurika hose twenyine, ariko duhamagarirwa kuba indahemuka ku muhamagaro wacu, kugira ngo urumuri rw'Imana rujyere ku bandi rutunyuzeho.

**Twakire Nyagasani uje muri twe turirimba**

*Gushengerera bucece*

## 2. ISENGESHO RY'INTANGIRIRO

**Nyagasani Yezu, ni wowe wenyine nzira ikenewe kandi idasimburwa : Ikiraro Imana Data yanyuzeho iza mu bantu n'ikiraro abantu banyuraho basanga Data. Uri inzira y'ubuzima, urugero rutumurikira ngo tukwigireho. Turememo umutuzo kugira ngo twumve ijwi ryawe, kingura imitima yacu kugira ngo twakire Ijambo ryawe, kugira ngo urumuri rw'ubuhanga bwawe rumurikire amahitamo yacu, kandi rutugire abahamya nyakuri b'urukundo rwawe. Ha Kiliziya yawe kutazigera ibura na rimwe intumwa z'intungane kandi nyinshi, ha kandi umuryango wa Rogate kudahemuka kumuhamagaro wawo wo guhora ari urumuri rwiyoroheje kandi rudahemuka mu isi ya none. Amen**

## 3. GUTEGA AMATWI IJAMBO RY'IMANA

**Umuyobozi:** Turasabwa kuba umunyu n'urumuri : ibyo ntibivuze ko tugomba kuva mu isi, ahubwo duhamagariwe kuyibamo ku buryo abantu babasha kubona ishusho y'Imana Data mu buzima bwacu, mu mibereho yacu.

**Amagambo yo mu Ijanjili Ntagatifu ya Matayo** *(Mt 5, 13-16)*

*Muri icyo gihe Yezu abwira abigishwa be ati : « Muri umunyu w'isi. Ariko se umunyu wakayutse, bawusubirishamo iki uburyohe? Nta kandi kamaro kawo kereka kujugunywa hanze, ugakandagirwa n'abantu. Muri urumuri rw'isi. Ikigo cyubatse mu mpinga y'umusozi nticyihishira. Kandi nta we ucana itara ngo aryubikeho icyibo, ahubwo arishyira ku gitereko cyaryo aho rimurikira abari mu nzu bose. Urumuri rwanyu niruboneshereze rutyo abantu kugira ngo barebe ibyiza mukora, bakurizeho gusingiza So uri mu ijuru. »*

**P.** Iyo ni Ivanjili Ntagatifu.

**T. Uragasingizwa Kristu**

*Guceceka akanya gato*

## 4. KUZIRIKANA HAMWE

**Umuyobozi :** « Muri umunyu w'isi... Muri urumuri rw'isi. » Aya magambo ya Yezu ntabwo adusaba atwinginga, ahubwo aratwibutsa icyo turi cyo: indangamuntu yacu. Hamwe n'abigishwa be, uyu munsi araduha ubutumwa

busohozwa mu kwiyoroshya, mu kutibonekeza no mu budahemuka bwacu bwa buri munsi.

**Umusomyi.1** Umunyu uba ari mucye mu biribwa, ariko ni wo ubiha uburyohe.Urumuri ntirukomeye, ariko rutsimbura umwijima. Ni ko bimeze no ku bigishwa ; ni bacyeya ariko barakenewe. Abakristu ntabwo bahamagarirwa gusumba abandi, kubategeka cyangwa kubarusha imbaraga, ahubwo umuhamagaro wabo ni uwo guhindura icyo bakozeho kikaba cyiza ; ni uwo kugaragaza ubwiza buri mu byaremwe ; ni umuhamagaro wo gutuma isi irushaho kuba nziza ndetse n'abayituye bagatera imbere.

**Umusomyi.2** Mutagatifu Hanibale atwibutsa ko ubwo butumwa ntawabutandukanya n'isengesho ryo gusaba abakozi beza kandi benshi, agira ati: «Umusumba byose yishakiye ko ubwinshi bw'abakozi bakwiriye gukora mu murima we bujyana n'isengesho ryo gusaba ngo baboneke ». Akongeraho ati: « Nta rumuri rwabaho tudafite abasaserdoti b'abatagatifu ».

Ni yo mpamvu Rogate ari urumuri : iringinga, igategura, igaherekeza kandi igatera inkunga abo Nyagasani ahamagara. Byongeye kandi Umuryango wa Rogate, ugizwe n'abihayimana n'abalayiki, uhamagarirwa kuba itara rihora ryaka, ritimurikira ubwaryo, ahubwo rimurikira isi.

Umuyobozi : Ubuke n'ubuto bwacu ntabwo ari imbogamizi : Ahubwo ni umwanya Imana inyuzamo urumuri rwayo. Ibikorwa byacu byiza, dukoranye ubwigenge bw'abana b'Imana kandi mu byishimo, ni amavuta y'itara ryacu. Isengesho ryacu ni ryo mwuka utuma urwo rumuri rutazima.

*Umwanya muto wo guceceka no kuzirikana*

**Bose**

**Nyagasani ni wowe rumuri rwanjye, tutari kumwe najyenda mu mwijima. Fungura amaso yanjye n'umutima wanjye kugira ngo mbashe kujyenda mu nzira y'ubuzima. Murikira ubuzima bwanjye kugira ngo nanjye mbashe kumurikira abandi, atari mu magambo ahubwo mbigirishije ingero nziza ; atari ku mbaraga, ahubwo mbigirishije ibyishimo ; ntabyigiriye njyewe ubwanjye, ahubwo mbigiriye wowe. Ha Umuryango wacu wa Rogate kuba urumuri mu bwiyoroshye no mu budahemuka muri iyi si ya none, kugira ngo abantu benshi bashobore kubonamo urukundo rwawe rwa kibyeyi no kwakira umuhamagaro wawe. Amen.**

**Indirimbo**

**Umuyobozi.** Turahamagarirwa kugira icyo dukora kugira ngo tube « umunyu w'isi n'urumuri rw'isi », kugira ngo abantu babashe « gusingiza Data wa twese uri mu Ijuru ».

**Umusomyi 1.** Ni iki twakora kugira ngo tube umunyu w'isi n'urumuri rw'isi? Ubuhamya bw'abihayimana, mu gukurikira Kristu bidasuburwaho, ni bwo buryo bwo kugaragaza ku buryo bufatika urwo rumuri n'uwo munyu. Byongeye kandi ni isoko nyayo y'inyigisho ifasha buri muntu guhora yumva ko kubaho bisobanura ko abayeho ku bushake bw'Imana ko kandi akunzwe nayo. Nk'uko Papa Benedigito wa 16 yakundaga kubitwibutsa agira ati : « Buri wese muri twe yari mu mugambi w'Imana, buri wese arakunzwe, kandi buri wese aracyenewe. Nta cyiza nko gukorwa ku mutima cyangwa gutungurwa n'Ivanjili, gutungurwa na Kristu. Nta cyiza nko kumumenya no gusangiza abandi ubwo bucuti bwacu na We ». Ibi mu by'ukuri biraturenze kandi binadusaba kwigomwa, ntitwabyumva cyangwa ngo tubashe kubibaho tudasenga ubutitsa.

**Umusomyi 2.** Mutagatifu Hanibale yaranditse ati: «Umusumba byose yishakiye ko ubwinshi bw'abakozi bakwiriye gukora mu murima we bujyana n'isengesho ryo gusaba ngo baboneke . Ni ngombwa gusaba Nyirimyaka, kubera ko ntabwo ari ku nyungu ze yohereza abakozi mu murima we, ntabwo ari we wungukira mu

musaruro wabo, ni twe, ni twebwe abantu tubyungukiramo, ni twe twungukiramo umukiro w'abo dusabi n'abo dusabirana.

Agaciro k'iryo sengesho gashingiye ku kuba umuntu ashobora kugera ku kuri no ku mukiro nyawo abifashijwemo gusa n'umusaserdoti. Akaba ari nayo mpamvu Yezu abwira abasaserdoti ati: « Muri urumuri rw'isi, muri umunyu w'isi ». Nta rumuri rwabaho tudafite abasaserdoti b'abatagatifu.

Ahagaragara icyiza hose, aho ukwemera kwera imbuto, aho roho zijyera ku mukiro, aho urubyiruko rukurira mu kwemera, aho abakene bafashwa, aho hose hagaragara ibikorwa byiza, aho hose iyobokama riterwa inkunga, rigashyigikirwa, kandi rikabungwabungwa, aho ikinyoma cyamaganirwa kure, aho abalayiki bakora neza umurimo wabo wo kwitangira Kiliziya no kuyishyigikira, nta gushidikanya ko inyuma y'ibyo byose haba hari umurimo w'umusaserdoti.

Dutekereze gatoya ubusasedoti nk'izuba riri kurenga, mu kanya gato rikazima. Isi yose ntiyakisanga mu mwijima ? Misa, amasakaramentu, Ukaristiya, Ijambo ry'Imana, ukwemera, urukundo ? byose byayoyoka.

Ariko reka twongere dutekereze ikinyuranyo cy'ibyo na none : dutekereze isi ifite abasaserdoti bahagije kandi b'abatagatiifu ; bahagije ku buryo byibuze buri ngo ijana zaba zifite umusaserdoti wazo, b'abatagatifu basa n'intumwa za cyera. Ubwo koko umukiro wa roho zose ntitwaba tuwukozaho imitwe y'intoki ?

Imigambi y'Imana irahambaye ikaba n'inshoberamuntu.

**Umuyobozi.** Dore impamvu Rogate ari urumuri : iringinga, igaherekeza kandi igategura abakozi bo kwamamaza Ivanjili. Umuryango wacu wa Rogate, ugizwe n'abihayimana n'abalayiki, uhamagarirwa kubungabunga urwo rumuri kugira ngo ntiruzigere ruzima.

*Gushengerera bucece*

## 5. ISENGESHO RYO GUSABA ABAKOZI BEZA

*(dupfukamye )*

**Umuyobozi :** Yezu aradukeneye. Ntitukamutenguhe.

**Bose**

**Gumana nanjye Yezu, maze ntangire kumurikira abandi. Mpa kuba umuyoboro ujyeza urumuri rwawe ku bandi. Mpa kukubwira abandi nkoresheje ubuzima bwanjye, ntavuze amagambo menshi, ahubwo mbigirishije imbaraga z'urukundo, mbigirishije ibyishimo byo kugukorera, no kudatezuka ku isengesho. Ku bw'ubuvugizi bwa Mariya, umubyeyi wa Rogate, n'ubwa Mutagatifu Hannibale, intumwa y'isengesho ryo gusabira imihamagaro, ohereza muri Kiliziya yawe abakozi b'abatagatifu kandi benshi ; byongeye kandi umuryango wacu wa Rogate uwugire urumuri rutazima. Amen.**

*Umugisha w'Ukaristiya*

*Indirimbo isoza*

Production: Rogationists | Daughters of Divine Zeal
Writing: Sister Mariannna Bolognese, fdz
Translation: Fr. Eugène Ntawigenera, rcj
Art and editing: Fr. Reinaldo Leitão, rcj